REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'ABAKOZI BA LETA N'UMURIMO

IJAMBO RYA NYAKUBAHWA JUDITH UWIZEYE, MINISITIRI W'ABAKOZI BA LETA N'UMURIMO MU KWIZIHIZA UMUNSI MPUZAMAHANGA W'UMURIMO

Kigali, *Special Economic Zone* , 01 Gicurasi, 2017

- **Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe, Mushyitsi Mukuru wacu;**
- **Nyakubahwa Minisitiri ushinzwe Imirimo y'Inama y'Abaminisitiri,**
- **Nyakubahwa Muyobozi w'Umujyi wa Kigali;**
- **Muyobozi Mukuru w'Urugaga rw'Abikorera mu Rwanda;**
- ***Chairperson* wa CESTRAR;**
- **Bayobozi Bakuru mu Nzego z'Imirimo ya Leta no muz'Abikorera muteraniye hano,**
- **Abakoresha n'Abakozi muteraniye hano;**
- **Bashyitsi bahire,**

1. **Mu gutangira munyemerere mbanze nshimire cyane Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe waje kwifatanya natwe akatubera Umushyitsi Mukuru.**

2. **Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe, mu izina ry'Abakozi n'Abakoresha bose, ari abari hano n'abadahari, turabashimiye cyane.**

3. **Turizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Umurimo ku Nsanganyamatsiko igira iti "Duteze Imbere Umurimo, Dusigasira Ibyagezweho Dukesha Imiyoborere Myiza, Isoko y'Iterambere rya buri Wese".**

P.O. BOX 403 KIGALI Website : www.mifotra.gov.rw **E-mail** *:info@mifotra.gov.rw* **Follow us on Twitter** *: @RwandaLabour*

4. **Imiyoborere Myiza irangajwe imbere na Nyakubahwa Paul KAGAME, Perezida wa Repubulika yatugejeje ku byiza byinshi tugomba gusigasira.**

   - **Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe**
   - **Bashyitsi Bahire muteraniye hano,**

5. **Mu byigenzi byinshi bimaze kugerwaho harimo gushyiraho amategeko, harimo n'agenga ubwishingizi bw'umugore wabyaye, na za politike zinyuranye zifasha guteza imbere umurimo; no kunoza imikorere n'imikoranire hagamijwe kongera umusaruro.**

6. **Hashyizweho uburyo bufasha kugira, kumenya no gusesengura amakuru ajyanye n'isoko ry'umurimo *(Labour Market Information System).***

7. **Ibijyanye no guhanga imirimo biri mu bigenderwaho mu Mihigo y'Inzego zinyuranye za Leta, aho izo Nzego zisabwa kugaragaza uruhare rw'ibikorwa ziteganya mu guteza imbere umurimo.**

8. **Ubu hariho uburyo buhuriweho n'Inzego za Leta n'iz'Abikorera zifatanyiriza hamwe mu Mihigo igamije guteza imbere umurimo (*Job Creation Joint* Imihigo).**

P.O. BOX 403 KIGALI Website : www.mifotra.gov.rw **E-mail** *:info@mifotra.gov.rw* **Follow us on Twitter** *: @RwandaLabour*

9. **Kubaka ubushobozi bushingiye ku bikenewe ku isoko ry'umurimo bikomeje gushyirwamo ingufu haba mu gushyiraho Inzego zibishinzwe by'umwihariko ndetse no gushyiraho politiki zo kubaka ubushobozi bufasha mu iterambere ry'Igihugu.**

- **Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe**
- **Bashyitsi Bahire muteraniye hano,**

10. **Mu kuvuga imiterere y'isoko ry'umurimo tuzirikana ko Abatuye u Rwanda bagejeje igihe cyo gukora kandi babishoboye utabariyemo abakiri abanyeshuri bagera kuri 5,590,000.**

11. **Mu Banyarwanda bakora 68% bakora imirimo y'Ubuhinzi n'Ubworozi naho 32% bakaba bakora imirimo itari iy'ubuhinzi n'iyunganira iy'ubuhinzi (EICV4) harimo 10 % bakora ubucuruzi butandukanye, 5% bakora mu bwubatsi, 2% bakora mu nganda , na 2% bakora mu gutwara abantu n'ibintu.**

12. **Bigaragaza ko ibyo gukora bigihari mu rwego rwo kuzamura imirimo idashingiye ku buhinzi arinako ishingiye ku buhinzi irushaho kunozwa.**

P.O. BOX 403 KIGALI Website : www.mifotra.gov.rw **E-mail** *:info@mifotra.gov.rw* **Follow us on Twitter** *: @RwandaLabour*

13. Mu biteganijwe mu gukomeza kunoza umurimo, itegeko rigenga umurimo ubu riri kuvugururwa mu bufatanye bwa hafi n'inzego zose bireba: iza Leta, iz'Abikorera n'Amashyirahamwe y'Abakozi.

14. Politike y'Umurimo *(National Employment Policy)* nayo ubu iri kuvugururwa.

15. Ibi byose bigamije gukomeza kubakira ku byo tumaze kugeraho mu guteza imbere umurimo no gukemura burundu ibibazo aho byagiye bigaragara.

16. Mu bufatanye n'Inzego zose zaba iza Leta, iz'Abikorera na Sosiyeti sivile, tuzakomeza gushyira ingufu nyinshi mu bikorwa binyuranye biteza imbere umurimo, dushingiye ku miyoborere myiza n'ibyo imaze kutugezaho.

- **Bashyitsi Bahire muteraniye hano,**

17. Ngana ku musozo ndashaka gushimira Abakozi haba mu Nzego z'Imirimo ya Leta, iz'Abikorera na Sosiyeti Sivili bitangira umurimo bagakora cyane bagamije ko umurimo ukorwa mu buryo bunoze kandi ku gihe; serivisi zigatangwa neza.

P.O. BOX 403 KIGALI Website : www.mifotra.gov.rw **E-mail** *:info@mifotra.gov.rw* **Follow us on Twitter** *: @RwandaLabour*

18. Ndashimira kandi Abafatanyabikorwa bose dukomeje gufatanya mu guteza imbere umurimo.

- **Bashyitsi Bahire muteraniye hano,**

19. Munyemerere nsoze, bityo tubone umwanya uhagije wo kumva impanuro z'Umushyitsi Mukuru wacu, Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe.

20. Ni impanuro tugomba gutega amatwi neza kandi tukiyemeza kuzishyira mu bikorwa vuba kandi neza.

21. Munyemerere rero nongere mpe ikaze Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe, atugezeho impanuro yatugeneye uyu munsi.

22. Mbifurije Umunsi Mwiza.

23. Mugire Amahoro.

P.O. BOX 403 KIGALI Website : www.mifotra.gov.rw **E-mail** *:info@mifotra.gov.rw* **Follow us on Twitter** *: @RwandaLabour*